

REPUBULIKA Y'U RWANDA



INTEKO Y'UMUCO

ITANGAZO RY'AMARUSHANWA Y'UBWANDITSI BW'IMIVUGO NA MUZIKA

Mu gihe u Rwanda rwitegura kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire uzaba ku ya 21 Gashyantare 2022, Inteko y'Umuco yateguye amarushanwa y'imivugo na muzika azakorwa n'urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye (ibyiciro byose) no mu makuru na za kaminuza.

Aya marushanwa agamijwe gukangurira uru rubyiruko kubungabunga Ikinyarwanda, ingobyi y'umuco n'umurage by'u Rwanda no kuzirikana indangagaciro z'umuco nyarwanda biciye mu buhanzi mu Kinyarwanda kinoze kandi kimakaza umuco nyarwanda. Uyu ukaba kandi ari umusanzu ukomeye ku bukungurambaga Inteko y'Umuco ifatanyije n'izindi nzego yatangiye muri ayo mashuri bwo kwimakaza umuco n'indangagaciro zawo.

1. Abazakora amarushanwa

Amarushanwa azakorwa ku bwanditsi bw'imivugo no ku guhimba indirimbo arimo ibyiciro bibiri:

- Icyiciro cy'abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye n'ay'ubumenyi ngiro
- Icyiciro cy'abanyeshuri biga mu mashuri makuru na kaminuza (yaba ari aya Leta cyangwa ayigenga).

2. Ingingo zizakorwaho amarushanwa

Nk'uko byasobanuwe, amarushanwa mu guhimba imivugo n'indirimo azakorwa n'abanyeshuri bo mu Rwanda biga mu mashuri yisumbuye n'abiga mu mashuri makuru na kaminuza. Buri cyiciro cyagenewe ingingo kizibandaho mu guhimba:

- Abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye n'ay'ubumenyi ngiro bazarushanwa guhimba imivugo cyangwa indirimbo mu Kinyarwanda kinoze (mu kivugwa no mu myandikire) bita ku nsanganyamatsiko yo **"Kubungabunga Ikinyarwanda, ingobyi y'umuco n'umurage by'u Rwanda"**.
- Abanyeshuri bo mu mashuri makuru na kaminuza na bo bazarushanwa guhimba imivugo cyangwa indirimbo mu Kinyarwanda kinoze (mu kivugwa no mu myandikire) *bagendeye ku byiza bikubiye mu ndangagaciro z'umuco nyarwanda zo "Gukunda Igihugu" no "Kwigira"*.

3. Uko amarushanwa azakorwa

- Abanyeshuri bazarushanwa mu mivugo no mu ndirimbo bazohereza imivungano yabo (ibihangano byabo) bwite Inteko y'Umuco kuri murandasi bifashishije imeri zikurikira: info@ralc.gov.rw na muwera@ralc.gov.rw

A. Imivugo

- **Imivugo irushanwa igomba kuba:**
 - Ari umwimerere wa nyirayo;
 - Yanditse mu Kinyarwanda kinoze;
 - Ihimbye hakurikijwe insanganyamatsiko yatanzwe;
 - Yagejejwe ku Nteko y'Umuco bitarenze tariki ya **15 Mutarama 2022**.
- **Uko inyandiko y'umuvugo igomba kuba ziteye:**
 - Inyandiko y'umuvugo ntigomba kujya munsu y'impapuro 3 kandi ntirenze impapuro 5 zanditse kuri mudasobwa, hatabariwemo urupapuro ruriho umwirondoro wa nyiri umuvugo.

- Urupapuro rwa mbere rugomba kuba ruriho umwirondoro w’umunyeshuri gusa. Ugaragaza amazina ya nyirayo, ikigo yigaho, Umurenge n’Akarere kirimo. Uru rupapuro rugomba kuba rwometseho kandi fotokopi y’ikarita y’ishuri.

Inyandiko zigomba kuba zanditse mu buryo bukurikira:

- Urupapuro A4
- Imiterere: *Times New Roman*
- Ubunini bw’inyuguti: *taille 14*
- Umwanya hagati y’imirongo: *interligne 1.5*
- Umwandiko ugomba kuba uri *MS Word*. Inyandiko ziri muri PDF ntizemewe.
- Igihangano cy’umuvugho cyoherezwa mu butumwa bumwe kuri imeri ebyiri zavuzwe. Ubutumwa bwitwa: “*Amarushanwa y’Imivugo*”

B. Indirimbo

- ***Indirimbo irushanwa igomba kuba:***

- Ari umwimerere wa nyirayo;
- Iri mu majwi, iririmbye mu Kinyarwanda kinoze kandi mu ijwi ryiza;
- Ihimbye hakurikijwe insanganyamatsiko yatanzwe;
- Yagejejwe ku Nteko y’Umuco bitarenze tariki ya **15 Mutarama 2022**.
- Indirimbo ishobora kuba iririmbye n’umunyeshuri umwe ku giti cye cyangwa itsinda ry’abanyeshuri biga hamwe, iherekejwe cyangwa idaherekejwe n’ibikoresho bya muzika.

- ***Uko igihangano cy’indirimbo kigomba kuba giteye:***

- Indirimbo ntigomba kujya muni y’iminota 3 cyangwa ngo irenze 5;
- Indirimbo igomba kuba ifashwe mu majwi mu buryo (*format*) bwa MP3;
- Umuhanzi yohereza inyandiko igaragaza amagambo y’indirimbo (*Lyrics*). Urupapuro rwa mbere rugomba kuba ruriho umwirondoro w’umunyeshuri gusa, ugaragaza amazina ya nyirayo, ikigo yigaho, Umurenge n’Akarere

kirimo. Uru rupapuro rugomba kuba rwometseho kandi fotokopi y'ikarita iranga umunyeshuri;

- Inyandiko igaragaza amagambo y'indirimo hamwe n'iyi ndirimbo byoherezwa mu butumwa bumwe kuri imeri ebyiri zavuzwe. Ubutumwa bwitwa: "*Amarushanwa y'Indirimbo*".

4. Ibihembo

Ibihangano bizarusha ibindi Inteko y'Umuco izagera benebyo ibihembo ku buryo bukurikira:

- *Imivugo*: Muri buri cyiciro: uwa mbere: *200.000 Frw*; uwa kabiri: *150.000 Frw*; uwa gatatu: *100.000 Frw*. Abasigaye 12: *50.000 Frw* buri wese.
- *Indirimbo*: Muri buri cyiciro: uwa mbere: *300.000 Frw*; uwa kabiri: *200.000 Frw*; uwa gatatu: *150.000 Frw*.

A) Imivugo izahiga iyindi muri aya marushanwa izakorwamo ibitabo bibiri:

- igitabo cy'imivugo 15 yahize indi mu yahimbwe n'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye
- igitabo cy'imivugo 15 yahize indi mu yahimbwe n'abanyeshuri bo mu mashuri makuru na Kaminuza.

B) Ibihangano by'Imivugo 3 n'Indirimbo 3 bya mbere muri buri cyiciro bizahiga ibindi muri aya marushanwa Inteko y'Umuco izafasha mu kubifata mu majwi n'amashusho.

Bikorewe i Huye, ku wa 03 Ukuboza 2021

Amb. MASOZERA Robert
Intebe y'Inteko